

ITEGEKO N° 74/2013 RYO KUWA
11/09/2013 RISHYIRAHO IKIGO
CY'IGIHUGU GISHINZWE KUGENZURA
IBIRIBWA N'IMITI, RIKANAGENA
INSHINGANO, IMITERERE
N'IMIKORERE BYACYO

LAW N° 74/2013 OF 11/09/2013
ESTABLISHING RWANDA FOOD AND
MEDICINES AUTHORITY AND
DETERMINING ITS MISSION,
ORGANISATION AND FUNCTIONING

LOI N° 74/2013 DU 11/09/2013 PORTANT
CREATION DE L'OFFICE RWANDAIS
DES PRODUITS ALIMENTAIRES ET
PHARMACEUTIQUES ET DETERMINANT
SES MISSIONS, SON ORGANISATION ET
SON FONCTIONNEMENT

ISHAKIRO

TABLE OF CONTENTS

TABLE DES MATIERES

UMUTWE WA MBERE: INGINGO
RUSANGE

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS
GENERALES

Ingingo ya mbere: icyo iri tegeko rigamije

Article One: Purpose of this Law

Article premier: Objet de la présente loi

Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo

Article 2: Definitions of terms

Article 2 : Définitions des termes

Ingingo ya 3: icyicaro cya RFMA

Article 3: Head Office of RFMA

Article 3: Siège de RFMA

UMUTWE WA II: INSHINGANO ZA
RFMA

CHAPTER II: MISSION OF RFMA

CHAPITRE II: MISSIONS DU RFMA

Ingingo ya 4: Inshingano za RFMA

Article 4: Mission of RFMA

Article 4: Missions de RFMA

UMUTWE WA III: URWEGO
RUREBERERA RFMA N'ICYICIRO
IRIMO

CHAPTER III: SUPERVISING
AUTHORITY OF RFMA AND ITS
CATEGORY

CHAPITRE III: ORGANE DE TUTELLE DE
RFMA ET SA CATEGORIE

Ingingo ya 5: Urwego rureberera RFMA
n'icyiciro irimo

Article 5: Supervising authority of RFMA
and its category

Article 5: Organe de tutelle de RFMA et sa
catégorie

UMUTWE WA IV: IMITERERE
N'IMIKORERE BYA RFMA

CHAPTER IV: ORGANISATION AND
FUNCTIONING OF RFMA

CHAPITRE IV: ORGANISATION ET
FONCTIONNEMENT DE RFMA

Ingingo ya 6: Inzego z'Ubuyobozi za RFMA

Article 6: Management Organs of RFMA

Article 6: Organes de direction de RFMA

Iviciro cya mbere: Inama y'Ubuyobozi

Section One: Board of Directors

Section première : Conseil d'Administration

Ingingo ya 7: Inama y'Ubuyobozi ya RFMA

Article 7: Board of Directors of RFMA

Article 7: Conseil d'Administration de RFMA

Ingingo ya 8: Ibigenerwa abagize Inama y'Ubuyobozi bitabiriye inama

Article 8: Sitting allowances for members of the Board of Directors

Article 8: Jetons de présence des membres du Conseil d'Administration

Ingingo ya 9: Ibitabangikanywa no kuba mu bagize Inama y'Ubuyobozi

Article 9: Incompatibilities with membership in the Board of Directors

Article 9: Incompatibilités avec la qualité de membre du Conseil d'Administration

Iviciro cya 2: Ubuyobozi Bukuru

Section 2: Directorate General

Section 2: Direction Générale

Ingingo ya 10: Abagize Ubuyobozi Bukuru bwa RFMA

Article 10: Composition of the Directorate General of RFMA

Article 10: Composition de la Direction Générale de RFMA

Ingingo ya 11: Sitafi igenga abakozi ba RFMA n'ibigenerwa abagize Ubuyobozi Bukuru n'abakozi ba RFMA

Article 11: Statute governing the staff of RFMA and benefits of members of the Directorate General and staff of RFMA

Article 11: Statut régissant le personnel de RFMA et les appointements accordés aux membres de la Direction Générale et au personnel de RFMA

Ingingo ya 12: Imiterere, imikorere n'ishingano by'inzego z'imirimo za RFMA

Article 12: Organization, functioning and responsibilities of organs of RFMA

Article 12: Organisation, fonctionnement et attributions des organes de RFMA

UMUTWE WA V: UMUTUNGO N'IMARI

CHAPTER V: PROPERTY AND FINANCE

CHAPITRE V: PATRIMOINE ET FINANCES

Ingingo ya 13: Umutungo wa RFMA n'inkomoko yawo

Article 13: Property of RFMA and its sources

Article 13: Patrimoine de RFMA et ses sources

Ingingo ya 14: Imikoreshereze, imicungire n'imigenzurire by'umutungo bya RMFA

Article 14: Use, management and audit of the property of RMFA

Article 14: Utilisation, gestion et audit du patrimoine de RMFA

Ingingo ya 15: Iyemeza n'imicungire by'ingengo y'imari ya RFMA

Article 15: Approval and management of the budget of RFMA

Article 15: Adoption et gestion du budget de RFMA

Ingingo ya 16: Raporo y'umwaka w'ibaruramari
UMUTWE WA VI: INGINGO ZISOZA

Article 16: Annual financial report
CHAPTER VI: FINAL PROVISIONS

Article 16: Rapport annuel de l'exercice comptable
CHAPITRE VI: DISPOSITIONS FINALES

Ingingo ya 17: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko

Article 17: Drafting, consideration and adoption of this law

Article 17 : Initiation, examen et adoption de la présente loi

Ingingo ya 18: Ivanwaho ry'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko

Article 18: Repealing provision

Article 18: Disposition abrogatoire

Ingingo ya 19: Igihe itegeko ritangira gukurikizwa

Article 19: Commencement

Article 19: Entrée en vigueur

**ITEGEKO N° 74/2013 RYO KUWA KUWA
11/09/2013 RISHYIRAHO IKIGO
CY'IGIHUGU GISHINZWE KUGENZURA
IBIRIBWA N'IMITI (RFMA),
RIKANAGENA INSHINGANO,
IMITERERE N'IMIKORERE BYACYO**

Twebwe, KAGAME Paul,
Perezida wa Repubulika ;

We, KAGAME Paul,
President of the Republic;

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO
YEMEJE, NONE NATWE DUHAMIJE,
DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA
KANDI DUTEGETSE KO RYANDIKWA
MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA
Y'U RWANDA**

**THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND
WE SANCTION, PROMULGATE THE
FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE
PUBLISHED IN THE OFFICIAL
GAZETTE OF THE REPUBLIC OF
RWANDA**

Nous, KAGAME Paul,
Président de la République ;

**LE PARLEMENT A ADOPTE ET NOUS
SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA
LOI DONT LA TENEUR SUIT ET
ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIEE
AU JOURNAL OFFICIEL DE LA
RÉPUBLIQUE DU RWANDA**

**LOI N° 74/2013 DU 11/09/2013 PORTANT
CREATION DE L'OFFICE RWANDAIS
DES PRODUITS ALIMENTAIRES ET
PHARMACEUTIQUES (RFMA) ET
DETERMINANT SES MISSIONS, SON
ORGANISATION ET SON
FONCTIONNEMENT**

INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:

Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo kuwa 02 Kanama 2013;

Umutwe wa Sena, mu nama yawo kuwa 19 Nyakanga 2013;

Ishingiyeye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003, nk'uko ryavugururwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo iya 41, iya 62, iya 66, iya 67, iya 88, iya 89, iya 90, iya 92, iya 93, iya 95, iya 108, iya 113, IYA 118, iya 183 n'iya 201;

THE PARLIAMENT:

The Chamber of Deputies, in its session of 02 August 2013;

The Senate, in its session of 19 July 2013;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003 as amended to date, especially in Articles 41, 62, 66, 67, 88, 89, 90, 92, 93, 95, 108, 113, 118, 183 and 201;

LE PARLEMENT :

La Chambre des Députés, en sa séance du 02 août 2013;

Le Sénat, en sa séance du 19 juillet 2013;

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 4 juin, 2003 telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 41, 62, 66, 67, 88, 89, 90, 92, 93, 95, 108, 113, 118, 183 et 201;

Ishingiyiye ku Itegeko Ngenza n° 06/2009 OL ryo kuwa 21 Ukuboza 2009, rishyiraho amategeko rusange yerekeye ibigo bya Leta nk'uko ryahinduwe kandi ryujijwe kugeza ubu;

YEMEJE:

UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE

Ingingo ya mbere: icyo iri tegeko rigamije

Iri tegeko rishyiraho ikigo cy'Igihugu gishinzwe kugenzura ibiribwa n'imiti mu Rwanda cyitwa «RFMA» mu magambo ahimye y'ururimi rw'icyongereza. Rigena kandi inshingano, imiterere n'imikorere byacyo.

RFMA ifite ubuzimagatozi n'ubwigenge mu miyoborere, mu micungire y'umutungo n'abakozi bayo kandi icungwa hakurikijwe amategeko rusange agenga ibigo bya Leta.

Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo

Muri iri tegeko, amagambo akurikira asobanura:

1° **ibiribwa:** ibintu byose bitari umuti, ibintu binoza kandi bisukura umubiri bitari n'itabi bikoresha nk'innyongera ku biribwa cyangwa binyobwa n'abantu kandi bibarirwamo n'ikindi cyose gikoresha mu ikorwa cyangwa ihindurwa ry'ibiribwa;

Pursuant to Organic Law n° 06/2009/OL of 21/12/2009 establishing general provisions governing public institutions as modified and complemented to date;

ADOPTS:

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

Article One: Purpose of this Law

This Law establishes Rwanda Food and Medicines Authority, abbreviated as "RFMA". It also determines its mission, organization and functioning.

RFMA shall have legal personality, administrative and financial autonomy and be managed in accordance with general provisions governing public institutions.

Article 2: Definitions of terms

For the purposes of this Law, the following terms shall have the following meanings:

1° **food products:** any items other than pharmaceutical products, cosmetics and tobacco used as food supplements or drink for human beings and including any substance used in the manufacture or treatment of food;

Vu la Loi Organique n° 06/2009/OL du 21/12/2009 portant dispositions générales applicables aux établissements publics telle que modifiée et complétée à ce jour ;

ADOpte:

CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES

Article premier: Objet de la présente loi

La présente loi porte création de l'Office Rwandais des Produits Alimentaires et Pharmaceutiques dénommé «RFMA» en sigles anglais. Elle détermine également ses missions, son organisation et son fonctionnement.

RFMA est doté de la personnalité juridique et de l'autonomie financière et administrative et est géré conformément aux dispositions générales applicables aux établissements publics.

Article 2 : Définitions des termes

Aux fins de la présente loi, les termes repris ci-après ont les significations suivantes :

1° **produits alimentaires :** toute sorte d'articles à l'exclusion des produits pharmaceutiques, cosmétiques et du tabac qui servent de compléments alimentaires ou de boisson aux êtres humains et qui comprennent toute substance utilisée dans la fabrication

ou le traitement des aliments;

2° **ubwiza bw'ibiribwa:** ubudakemwa n'ubuziranenge bw'ibiribwa;

2° **quality of food products:** efficacy and safety of food products;

2° **qualité des produits alimentaires :** efficacité et innocuité des produits alimentaires ;

3° **kugenzura ibiribwa n'imiti:** ukugenzura no gusuzuma ko imiti n'ibiribwa bitumizwa mu mahanga, bikorwa, bibikwa, byamamazwa, bitangwa cyangwa bigurishwa hakurikijwe ibiteganywa n'amategeko.

3° **regulation of food and pharmaceutical products:** inspection and verification meant to check whether food and pharmaceutical products are imported, manufactured, stored, advertised, distributed or sold in accordance with law.

3° **réglementation des produits alimentaires et pharmaceutiques :** inspection et vérification réalisées en vue de s'assurer que les produits alimentaires et pharmaceutiques sont importés, fabriqués, stockés, font l'objet de publicité, distribués ou vendus conformément à la loi.

Ingingo ya 3: icyicaro cya RFMA

Article 3: Head Office of RFMA

Article 3: Siège de RFMA

Icyicaro cya RFMA kiri mu Mujiyi wa Kigali, umurwa mukuru wa Repubulika y'u Rwanda. Gishobora kwimurirwa ahandi hose mu Rwanda igihe bibaye ngombwa.

The head office of RFMA shall be located in Kigali City, the capital of the Republic of Rwanda. It may be transferred elsewhere in the Republic of Rwanda if considered necessary.

Le siège de RFMA est établi dans la Ville de Kigali, capitale de la République du Rwanda. Il peut, en cas de nécessité, être transféré en tout autre lieu du territoire de la République du Rwanda.

RFMA ishobora kugira amashami ahandi hose mu Gihugu bibaye ngombwa kugira ngo igere ku nshingano zayo byemejwe n'Iteka rya Minisitiri w'Intebe.

If deemed necessary and upon approval by a Prime Minister's Order, RFMA may have branches elsewhere in the country in order to fulfil its mission.

Le RFMA peut, en cas de nécessité et sur approbation par arrêté du Premier Ministre, établir des branches en tout autre lieu du territoire national en vue de mieux s'acquitter de ses missions.

UMUTWE WA II: INSHINGANO ZA RFMA

CHAPTER II: MISSION OF RFMA

CHAPITRE II: MISSIONS DU RFMA

Ingingo ya 4: Inshingano za RFMA

Article 4: Mission of RFMA

Article 4: Missions de RFMA

Inshingano y'ingenzi ya RFMA ni ukugenzura ibijyanye n'ibiribwa n'imiti.

The mission of RFMA shall be to inspect and verify food and pharmaceutical products.

La mission de RFMA consiste en l'inspection et la vérification des produits alimentaires et

Official Gazette n°43bis of 28/10/2013

pharmaceutiques.

By'umwihariko RFMA ifite inshingano zikurikira:

1° kugenzura iyubahirizwa ry'amategeko n'amabwiriza ajyanye n'ubuziranenge bw'ibibwira n'imiti, ibikoresho byo mu buvuzi, ibintu bihumanya, ibintu binoza kandi bisukura umubiri, imiti ikomoka ku bimera n'ibindi byose bikoreshwa mu buvuzi;

2° kugena amabwiriza ajyanye no gutumiza mu mahanga, gukora, kugaragaza, kwerekana ikirango, kubika, kwamamaza, gutanga no kugurisha ibibwira, imiti, imiti ikomoka ku bimera, ibyisigwa, ibihumanya n'ibindi bikoresho byo mu buvuzi cyangwa ibikoreshwa mu gukora ibivugwa muri iri tegeko;

3° kugenzura ko ibibwira byongewemo intungamubiri n'inyongera ku bibwira bigurishwa ku isoko byubahiriza amabwiriza yemewe y'Igihugu cyangwa mpuzamahanga no gukurikiza amabwiriza ajyanye n'isuku cyangwa ubuziranenge bw'ibibwira ahantu hafatirwa amafunguro rusange;

4° gukurikirana, kumenya, gusesengura no gutangaza amakuru ku ngaruka ziterwa

In particular, RFMA shall have the following mission:

1° to monitor compliance with laws and regulations relating to the safety of food and pharmaceutical products, medical devices, poisons, cosmetics, herbal medicines and other health commodities;

2° to put in place regulations relating to the importation, manufacture, labelling, marking, storage, promotion, distribution and sale of food and pharmaceutical products, herbal medicines, cosmetics, poisons and other medical devices or substances used in the manufacture of products provided under this Law;

3° to ensure that fortified foods and food supplements that are placed on the market meet national or international standards as well as enforcing regulations relating to food hygiene or safety in public food service establishments;

4° to follow up, identify, analyze and publish information on adverse effects of the use of

En particulier, le RFMA a les missions suivantes:

1° surveiller le respect des lois et des règlements relatifs à la sécurité des produits alimentaires et pharmaceutiques, des dispositifs médicaux, des poisons, des produits cosmétiques, des substances phytothérapeutiques et d'autres produits de santé ;

2° arrêter des règlements relatifs à l'importation, à la fabrication, à l'étiquetage, au marquage, au stockage, à la promotion, à la distribution et à la vente des produits alimentaires et pharmaceutiques, des substances phytothérapeutiques, des produits cosmétiques, des poisons et d'autres dispositifs médicaux ou substances utilisées dans la fabrication de produits prévus par la présente loi ;

3° s'assurer que les aliments fortifiés et les compléments alimentaires mis sur le marché répondent aux normes nationales ou internationales et veiller à l'application des règlements relatifs à l'hygiène ou à la sécurité des aliments dans les lieux publics de restauration ;

4° faire le suivi, identifier, analyser et publier les informations sur les effets

Official Gazette n°43bis of 28/10/2013

- n'ikoresha ry'imiti n'ibiribwa no gufata ingamba zo kuzikumira;
- 5° gukurikirana, kumenya, gusesengura amakuru ku ikoresha ry'imiti isanzwe ikurikiranirwa hafi ku rwego rw'isi no gutanga raporo;
- 6° gukurikirana ko igeragezwa ry'imiti, ibikoresho byo kwa muganga n'imiti ikomoka ku bimera rikorwa hakurikijwe amabwiriza ariho;
- 7° kwemeza no kwandika ibiribwa n'imiti, byaba bikorewe mu Rwanda cyangwa byatumijwe mu mahanga;
- 8° gutanga, guhagarika no kwambura impushya cyangwa ibyangombwa hakurikijwe ibiteganywa n'amategeko;
- 9° kwemeza ko imfashanyo z'ibiribwa n'imiti zitangwa cyangwa zakirwa zubahirije amabwiriza y'ubuziranenge;
- 10° gushyiraho amabwiriza, guhugura no gukurikirana imikoreshereze y'imiti, ibikoresho byo kwa muganga, ibyisigwa, ibihumanya, imiti ikomoka ku bimera no gutanga amakuru yuzuye kandi nyayo ku bintu bigengwa n'iri
- food and pharmaceutical products and take measures to prevent such effects;
- 5° to follow up, identify and analyze information on the use of pharmaceutical products that are usually subject to global drug safety monitoring and submit a report thereon;
- 6° to ensure that clinical trials on pharmaceutical products, medical devices and herbal medicines are conducted in accordance with prescribed standards;
- 7° to approve and register food and pharmaceutical products manufactured within or imported into Rwanda;
- 8° to issue, suspend and revoke licenses or permits in accordance with legal provisions;
- 9° to ensure that food and pharmaceutical products given away as aid are in conformity with relevant standards;
- 10° to establish regulations, train and make follow-up on the use of pharmaceutical products, medical devices, cosmetics, poisons and herbal medicines and provide accurate and comprehensive information on products regulated under this Law;
- négatifis rsultatant de lutilisation des produits alimentaires et pharmaceutiques et prendre des mesures pour la prvention de ces effets;
- 5° faire le suivi, identifier et analyser les informations sur lutilisation des produits pharmaceutiques qui font gnralement lobjet de la pharmacovigilance mondiale ;
- 6° sassurer que les essais cliniques sur les produits pharmaceutiques, les dispositifs mdicaux et les substances phytothrapeutiques sont menees conformment aux normes prescrites ;
- 7° approuver et enregistrer les produits alimentaires et pharmaceutiques fabriqus au Rwanda ou imports ;
- 8° dlivrer, suspendre et rvoquer les certificats ou les autorisations conformment aux dispositions lgales;
- 9° sassurer que les produits alimentaires et pharmaceutiques donns comme aide sont conformes aux normes de qualit applicables;
- 10° arrter des rglements, organiser des formations et faire le suivi en matire demploi des produits pharmaceutiques, des dispositifs mdicaux, des produits cosmtiques, des poisons, des substances phytothrapeutiques et donner des

tegeko ;

11° gutegura urutonde rw'imiti ikoreshya mu gihugu, uko ikoreshya n'indwara ivura;

11° to establish the list of pharmaceutical products used in Rwanda, their medication instructions and diseases they treat;

informations complètes et exactes sur les produits réglementés par la présente loi; 11° établir la liste des produits pharmaceutiques utilisés au Rwanda, leur posologie et les maladies qu'ils soignent;

12° kugira inama Leta ku bibazo byose birebana n'ibiribwa n'imiti;

12° to advise the Government on all matters regarding food and pharmaceutical products;

12° conseiller le Gouvernement sur toutes les questions relatives aux produits alimentaires et pharmaceutiques ;

13° gushyikirana no gukorana n'izindi nzego zihuje inshingano zo mu karere cyangwa mpuzamahanga.

13° to build relationships and collaborate with regional or international bodies with similar missions.

13° établir des relations et collaborer avec d'autres agences régionales ou internationales ayant les missions similaires.

UMUTWE WA III: URWEGO RUREBERERA RFMA N'ICYICIRO IRIMO

CHAPTER III: SUPERVISING AUTHORITY OF RFMA AND ITS CATEGORY

CHAPITRE III: ORGANE DE TUTELLE DE RFMA ET SA CATEGORIE

Ingingo ya 5: Urwego rureberera RFMA n'icyiciro irimo

Article 5: Supervising authority of RFMA and its category

Article 5: Organe de tutelle de RFMA et sa catégorie

Iteka rya Minisitiri w'Intebe rigena urwego rureberera RFMA n'icyiciro irimo.

A Prime Minister's Order shall determine the supervising authority of RFMA and its category.

Un arrêté du Premier Ministre détermine l'organe de tutelle de RFMA et sa catégorie.

Hagati y'urwego rureberera RFMA n'urwego rufata ibyemezo hakorwa amasezerano yerekeye gahunda y'ibikorwa agaragaza ububasha, uburenganzira n'inshingano bya buri ruhande mu kugeza RFMA ku nshingano zayo.

There shall be concluded between the supervising authority of RFMA and its decision-making organ a performance contract indicating powers, rights and obligations of each party in order for RFMA to fulfil its mission.

Il est établi entre l'organe de tutelle de RFMA et son organe de prise de décisions, un contrat de performance déterminant les compétences, les droits et les obligations de chaque partie en vue de la réalisation de la mission de RFMA.

Ayo masezerano amara igihe gihwanye na manda y' abagize urwego rufata ibyemezo rwa RFMA.

Such a contract shall be valid for a period equal to the term of office of members of the decision-making organ of RFMA.

Ce contrat est valide pour une durée égale au mandat des membres de l'organe de prise de décisions de RFMA.

UMUTWE WA IV: IMITERERE N'IMIKORERE BYA RFMA

CHAPTER IV: ORGANISATION AND FUNCTIONING OF RFMA

CHAPITRE IV: ORGANISATION ET FONCTIONNEMENT DE RFMA

Ingingo ya 6: Inzego z'Ubuyobozi za RFMA

Article 6: Management organs of RFMA

Article 6: Organes de direction de RFMA

RFMA igizwe n' Inzego z' Ubuyobozi ebyiri (2) zikurikira:

RFMA est doté de deux (2) organes de direction suivants :

1° Inama y'Ubuyobozi;

1° the Board of Directors;

1° le Conseil d'Administration ;

2° Ubuyobozi Bukuru.

2° the Directorate General.

2° la Direction Générale.

Iteka rya Minisitiri w'Intebe rishobora kugena izindi nzego za ngombwa kugira ngo RFMA ishobore kurangiza neza inshingano zayo.

A Prime Minister's Order may determine other relevant organs in order for RFMA to fulfil its mission.

Un arrêté du Premier Ministre peut déterminer d'autres organes nécessaires en vue de la réalisation de la mission de RFMA.

Icyiciro cya mbere: Inama y'Ubuyobozi

Section One: Board of Directors

Section première : Conseil d'Administration

Ingingo ya 7: Inama y'Ubuyobozi ya RFMA

Article 7: Board of Directors of RFMA

Article 7: Conseil d'Administration de RFMA

Inama y'Ubuyobozi ya RFMA ni rwo rwego ruyiyobora kandi rufata ibyemezo. Ububasha, inshingano n'imikorere by'Inama y'Ubuyobozi kimwe n'inshingano z'abayigize n'igihe bamara ku mirimo yabo bigenwa n'iteka rya Minisitiri w'Intebe.

The Board of Directors of RFMA shall be the governing and decision-making organ. Its competences, responsibilities and functioning of the Board of Directors as well as the responsibilities and the term of office of its members shall be determined by a Prime Minister's Order.

Le Conseil d'Administration de RFMA est l'organe de direction et de prise de décisions. Les compétences, les attributions et le fonctionnement du Conseil d'Administration, ainsi que les attributions et la durée du mandat de ses membres sont déterminés par arrêté du Premier Ministre.

Iteka rya Perezida rishyiraho abagize Inama y'Ubuyobozi harimo Perezida na Visi-Perezida. Abagize Inama y'Ubuyobozi batoranywa hakurikijwe ubushobozi n'ubuzobere byabo.

A Presidential Order shall appoint members of the Board of Directors including the Chairperson and the Deputy Chairperson. Members of the Board of Directors shall be selected on the basis of their competence and expertise.

Un arrêté présidentiel nomme les membres du Conseil d'Administration dont le Président et le Vice-Président. Les membres du Conseil d'Administration sont choisis sur base de leur compétence et de leur expertise.

Nibura mirongo itatu ku ijana (30%) by'abagize Inama y'Ubuyobozi bagomba kuba ari abagore.

At least thirty percent (30%) of members of the Board of Directors must be females.

Au moins trente pour cent (30%) des membres du Conseil d'Administration doivent être de sexe féminin.

Ingingo ya 8: Ibigenerwa abagize Inama y'Ubuyobozi bitabiriye inama

Abagize Inama y'Ubuyobozi bitabiriye inama z'Inama y'Ubuyobozi bagenerwa amafaranga agenwa n'iteka rya Perezida.

Article 8: Sitting allowances for members of the Board of Directors

Members of the Board of Directors present in the meetings of the Board of Directors shall be entitled to allowances determined by a Presidential Order.

Article 8: Jetons de présence des membres du Conseil d'Administration

Les membres du Conseil d'Administration présents aux réunions du Conseil d'Administration bénéficient des jetons de présence dont le montant est déterminé par arrêté présidentiel.

Ingingo ya 9: Ibitabangikanywa no kuba mu bagize Inama y'Ubuyobozi

Abagize Inama y'Ubuyobozi ntibemerewe gukora umurimo ugenerwa igihembo muri RFMA.

Article 9: Incompatibilities with membership in the Board of Directors

Members of the Board of Directors shall not be allowed to perform any remunerated activity within RFMA.

Article 9: Incompatibilités avec la qualité de membre du Conseil d'Administration

Les membres du Conseil d'Administration ne sont pas autorisés à exercer une activité rémunérée au sein de RFMA.

Ntibemerewe kandi, haba ku giti cyabo cyangwa ibigo bafitemo imigabane gupiganira amasoko atangwa na RFMA.

They shall not also be allowed, whether individually or companies in which they hold shares, to bid for tenders of RFMA.

Ils ne sont non plus autorisés, soit individuellement ou les sociétés dont ils sont actionnaires, de soumissionner aux marchés de RFMA.

Icyiciro cya 2: Ubuyobozi Bukuru

Section 2: Directorate General

Section 2: Direction Générale

Ingingo ya 10: Abagize Ubuyobozi Bukuru bwa RFMA

Abagize Ubuyobozi Bukuru bwa RFMA bagenwa n'iteka rya Perezida.

Article 10: Composition of the Directorate General of RFMA

Members of the Directorate General of RFMA shall be determined by a Presidential Order.

Article 10: Composition de la Direction Générale de RFMA

Les membres de la Direction Générale de RFMA sont déterminés par arrêté présidentiel.

Ububasha, inshingano n'imikorere by'abagize Ubuyobozi Bukuru bwa RFMA bigenwa n'iteka

Competences and responsibilities of members of the Directorate General of RFMA as well as

Les compétences, les attributions et les modalités d'accomplissement des attributions des

rya Minisitiri w'Intebe.

Ingingo ya 11: Sitati igenga abakozi ba RFMA n'ibigenerwa abagize Ubuyobozi Bukuru n'abakozi ba RFMA

Abakozi ba RFMA bagengwa na Sitati rusange igenga abakozi ba Leta n'inzego z'imirimu ya Leta.

Ibigenerwa abagize Ubuyobozi Bukuru n'abakozi ba RFMA biteganywa n'amategoko agenga ibyo abakozi b'ibigo bya Leta bagenerwa.

Ingingo ya 12: Imiterere, imikorere n'inshingano by'inzego z'imirimu za RFMA

Imiterere, imikorere n'inshingano by'inzego z'imirimu za RFMA bigenwa n'iteka rya Minisitiri w'Intebe.

UMUTWE WA V: UMUTUNGO N'IMARI

Ingingo ya 13: Umutungo wa RFMA n'inkomoko yawo

Umutungo wa RFMA ugizwe n'ibintu byimukanwa n'ibitimukanwa.

Umutungo wa RFMA ukomoka kuri ibi bikurikira:

1° ingengo y'imari igenerwa na Leta;

modalities for performance of their duties shall be determined by a Prime Minister's Order.

Article 11: Statute governing the staff of the RFMA and benefits of members of the Directorate General and staff of RFMA

The staff of RFMA shall be governed by the General Statute for Rwanda Public Service.

Benefits allocated to the members of the Directorate General and staff of RFMA shall be determined in accordance with legal provisions governing benefits to employees of public institutions.

Article 12: Organization, functioning and responsibilities of organs of RFMA

The organization, functioning and responsibilities of organs of RFMA shall be determined by a Prime Minister's Order.

CHAPTER V: PROPERTY AND FINANCE

Article 13: Property of RFMA and its sources

The property of RFMA shall comprise movables and immovables.

The property shall come from the following sources:

1° State budget allocations;

membres de la Direction Générale de RFMA sont déterminées par arrêté du Premier Ministre.

Article 11: Statut régissant le personnel de RFMA et les appointements accordés aux membres de la Direction Générale et au personnel de RFMA

Le personnel de RFMA est régi par le Statut général de la fonction publique rwandaise.

Les appointements accordés aux membres de la Direction Générale et au personnel de RFMA sont déterminés conformément aux dispositions légales régissant les avantages alloués au personnel des établissements publics.

Article 12: Organisation, fonctionnement et attributions des organes de RFMA

L'organisation, le fonctionnement et les attributions des organes de RFMA sont déterminés par arrêté du Premier Ministre.

CHAPITRE V: PATRIMOINE ET FINANCES

Article 13: Patrimoine de RFMA et ses sources

Le patrimoine de RFMA comprend les biens meubles et immeubles.

Il provient des sources suivantes:

1° les dotations budgétaires de l'Etat ;

Official Gazette n°43bis of 28/10/2013

- 2° inkunga zaba iza leta cyangwa iz'abafatanyabikorwa;
- 2° State or partners' subsidies;
- 3° ibituruka ku mirimo ikora;
- 3° income from services rendered;
- 4° inyungu zikomoka ku mutungo wayo;
- 4° interest from its property;
- 5° inguzanyo zihabwa RFMA zemewe na Minisitiri ufite imari mu nshingano ze;
- 5° loans granted to RFMA as approved by the Minister in charge of finance;
- 6° impano n'indagano.
- 6° donations and bequests.

Ingingo ya 14: Imikoreshereze, imicungire n'imigenzurire by'umutungo wa RFMA

Imikoreshereze, imicungire n'imigenzurire by'umutungo wa RFMA bikorwa hakurikijwe amategeko abigenga.

Ubugenzuzi bushinzwe igenzura rya buri muni ry'imikoreshereze y'umutungo wa RFMA buha raporo Inama y'Ubuyobozi, bukagenera kopi Uyobora Ubuyobozi Bukuru bwa RFMA.

Ingingo ya 15: Iyemeza n'imicungire by'ingengo y'imari ya RFMA

Ingingo y'Imari ya RFMA yemezwa kandi igacungwa hakurikijwe amategeko abigenga.

Ingingo ya 16: Raporo y'umwaka w'ibaruramari

Mu mezi atatu (3) akurikira impera z'umwaka w'ibaruramari, uyobora Ubuyobozi Bukuru bwa

- 2° les subventions de l'Etat ou des partenaires;
- 3° les revenus des services prestés;
- 4° les intérêts de son patrimoine;
- 5° les prêts accordés au RFMA approuvés par le Ministère ayant les finances dans ses attributions;
- 6° les dons et legs.

Article 14: Use, management and audit of the property of RFMA

The use, management and audit of the property of RFMA shall be carried out in accordance with relevant legal provisions.

RFMA internal audit service shall submit a report to the Board of Directors, with a copy to the head of the Directorate General of RFMA.

Article 15: Approval and management of the budget of RFMA

The budget of RFMA shall be approved and managed in accordance with relevant legal provisions.

Article 16: Annual financial report

Within three (3) months following the closure of the financial year, the head of the Directorate

RFMA ashyikiriza urwego rureberera RFMA raporo y'umwaka w'ibaruramari, imaze kwemezwa n'Inama y'Ubuyobozi hakurikijwe amategeko agenga imicungire y'imari n'umutungo bya Leta.

General of RFMA shall submit to the supervising authority of RFMA the annual financial report after its approval by the Board of Directors in accordance with laws governing the management of State finance and property.

Direction Générale de RFMA transmet à l'organe de tutelle de RFMA le rapport annuel de l'exercice comptable après son approbation par le Conseil d'Administration conformément aux dispositions légales régissant les finances et le patrimoine de l'Etat.

UMUTWE WA VI: INGINGO ZISOZA

CHAPTER VI: FINAL PROVISIONS

CHAPITRE VI: DISPOSITIONS FINALES

Ingingo ya 17: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko

Article 17: Drafting, consideration and adoption of this law

Article 17 : Initiation, examen et adoption de la présente loi

Iri tegeko ryateguwe mu rurimi rw'Icyongereza, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda.

This Law was drafted in English, considered and adopted in Kinyarwanda.

La présente loi a été initiée en Anglais, examinée et adoptée en Kinyarwanda.

Ingingo ya 18: Ivanwaho ry'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko

Article 18: Repealing provision

Article 18: Disposition abrogatoire

Ingingo zose z'amategeko abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo zivanyweho.

All prior legal provisions contrary to this Law are hereby repealed.

Toutes les dispositions légales antérieures contraires à la présente loi sont abrogées.

Ingingo ya 19: Igihe itegeko ritangira gukurikizwa

Article 19: Commencement

Article 19: Entrée en vigueur

Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku munsu ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

This Law shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, kuwa **11/09/2013**

Kigali, on **11/09/2013**

Kigali, le **11/09/2013**

(sé)
KAGAME Paul
Perezida wa Repubilika

(sé)
KAGAME Paul
President of the Republic

(sé)
KAGAME Paul
Président de la République

(sé)
Dr. HABUMUREMYI Pierre Damien
Minisitiri w'Intebe

(sé)
Dr. HABUMUREMYI Pierre Damien
Prime Minister

(sé)
Dr. HABUMUREMYI Pierre Damien
Premier Ministre

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya
Repubulika :**

Seen and sealed with the Seal of the Republic:

Vu et scellé du Sceau de la République :

(sé)
BUSINGYE Johnston
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

(sé)
BUSINGYE Johnston
Minister of Justice/Attorney General

(sé)
BUSINGYE Johnston
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux